RURA
Inspiring development
RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

# ITANGAZO

Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) ruramenyesha abaturarwanda bose ko nyuma y'uko ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli byiyongereyeho 17% ku isoko mpuzamahanga, bikaba byari gutuma ku isoko ryo mu Rwanda, ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli byiyongeraho 7%, Leta y'u Rwanda yafashe icyemezo cy'uko ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli mu mezi ya Gicurasi na Kamena 2021 biguma uko byari bisanzwe:

- Igiciro cya Lisansi i Kigali ntikigomba kurenga Amafaranga y'u Rwanda **1,088 kuri Litiro**.

- Igiciro cya Mazutu i Kigali ntikigomba kurenga Amafaranga y'u Rwanda **1,054 kuri Litiro**.

Iki cyemezo cyafashwe mu rwego rwo gukumira ingaruka ku bukungu zashoboraga guturuka ku bwiyongere bukabije bw'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli. Leta ikaba yemeye kwigomwa amahooro yari asanzwe yakwa ku bikomoka kuri peteroli.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/05/2021

**Dr. Ernest NSABIMANA**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

P.O Box: 7289 Kigali-Rwanda
Telephone: +250252584562
E-mail: info@rura.rw
Website: www.rura.rw